**—FDLR—**

Forces democratique de liberation du Rwanda
Democratic liberation Forces of Rwanda
Urugaga Ruharanira Demokarasi No Kubohoza U Rwanda

WWW.FDLRABACUNGUZI.COM

## URUHARE RW'AMAHANGA MU CYOREZO CY'IVANGURA MURI AFRIKA, NO KU ISI.

Twebwe impunzi z'abanyarwanda ziri mu mashyamba ya Repuburika Iharanira Demokarasi ya Kongo (RDC) zibumbiye mu rugaga FDLR, nyuma y'akarengane ndengakamere twagiriwe imyaka irenga makumyabiri, twicwa turimburwa umunsi ku munsi, **ibyo byose bikatugirirwa bizwi n'abafite ubushobozi bwo kurengera ikiremwamuntu ku isi,** byaduteye kwibaza no gukora ubushakashatsi, dushaka kumenya impamvu twambuwe ubumuntu tukaba tugomba kurimburwa bunyamaswa.

Muri ubwo bushakashatsi twakoze twasanze ivangura ari ryo ridutera kurimburwa. Dusanga iryo vangura ari ikintu gifite amateka maremare, kandi rikaba rifite isoko ituruka mu bihugu bivuga ko byateye imbere muri Demokarasi, mu bukungu no mu bushobozi bunyuranye.

Twasanze rero ivangura ari kimwe mu ntwaro itera ibihugu bikomeye kurushaho gutera imbere, naho ibihugu biri mu nzira y'amajyambere bikarushaho kudindira. **Hatabayeho ivangura, ibihugu by'ibihangange byasubira inyuma mu bukungu bwabyo.**

Iryo vangura rigaragarira mu bintu bitandukanye, harimo: **Ubwoko, Isura y'uruhu, Imyemerere n'ibindi....** Iyo ukurikiranye kandi usanga ibyo byose bituma ku isi hakorwa icyo twakwita za « **"Jenoside mpuzamahanga"** (**génocides Internationaux)** ariko izo Jenoside ntizihabwa agaciro kubera inyungu abantu batandukanye bakura muri ibyo bikorwa. Ndeste rimwe na rimwe ugasanga kimwe bacyise Jenoside, ariko wareba ugasanga icyo bise Jenoside ari intwaro barimo bacura yo gukora Jenoside nyayo. Urugero twatanga ni mu gihugu cy'u Rwanda, aho bamwe mu bayobozi ba FPR baremye icyo bita Jenocide yakorewe Abatutsi bagamije gukora Jenocide y'abirabura muri aka Karere k'Ibiyaga Bigari ku nyungu z'abantu bafite imyumvire y'ubugome kuri iyi si.

Abenshi tugiye mu mateka dusanga iyi gahunda yo kurimbura abirabura imaze igihe kirekire, kandi abagize uruhare muri uwo mugambi wo kurimbura, gutesha agaciro, gukoresha uburetwa, no gukandamiza abandi, n'ubu barawukomeje babinyujije mu nzira ziziguye nyamara bakigaragaza nk'abaharanira uburenganzira bw'ikiremwa muntu.

Twebwe abahora bahigwa kandi bagahora basabirwa kwicwa no kurimburwa, twahisemo kugaragaza **ukuri** kuzakiza abazabaho nyuma yacu muri aka karere gatuwe n'abirabura.

Bimaze kugaragara ko ubutaka butuweho n'abirabura ari bwo butaka burimo ubutunzi bwinshi kuri iyi si; kandi imyumvire ya bamwe igaragaza ko bibwira ko ubwo butunzi butaremewe umuntu wirabura, ko ahubwo agomba kubuvanwaho ku ngufu zose zishoboka bugafatwa n'abadafite uruhu rw'umukara (umwirabura).

Iyi gahunda rero yatangiye ubwo bamwe mu bazungu, bakimara kubona ubwo bukungu, bahisemo kuvidura Abirabura muri Afrika babata mu nyanja, abandi bakabakoresha uburetwa mu rwego rwo kubereka ko nta murage bafite kuri iyi si.

Aho byagaragaye cyane ni muri Amerika. Kandi iyo ndwara ntabwo irakira neza muri icyo gihugu. Iyo ndwara ahandi yagaragaye ni muri Afrika yepfo, aho Nyakwigendera Mandela yayirwanyije imyaka makumyabiri n'irindwi (27 ans) afunze. Byagaragaye kenshi ko iyo ndwara kugira ngo iveho hari bamwe mu ntwari z'abirabura bagiye bitanga mu kuyirwanya. Icyo cyorezo cyibasiye abirabura kirakomeje, kandi ni umugambi muremure wo kurimbura abirabura biciye mu nzira ziziguye, aho bamwe mu birabura barahiriye kunoza uwo mugambi wo kurimbura bene wabo. Nkuko rero hari ababaye intwari barimo Martin Luther King, Mandela n'abandi..., mu kurwanya irimburwa ry'Abirabura, Hari n'abarahiriye kuba intwari mu kurimbura abirabura, barimo KAGAME Paul n'abandi bakoreshwa bahabwa intwaro zo kurimbura abantu bijejwe ubutegetsi buhoraho n'ubutunzi bwinshi. Aha ntabwo dushaka kuvuga ku bandi bantu banyuranye bari muri uwo mugambi wo kurimbura abirabura, twahisemo kubagezaho gusa ibirebana na GAHUNDA YO KURIMBURA ABIRABURA MU KARERE K'IBIYAGA BIGARI HIFASHISHIJWE ICYO BISE JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI.

Icyo cyorezo cyaturutse mu gihugu cya Uganda, ari naho uwo mugambi wo kugitegura wakorewe ndetse n'ubu bikaba aru uko biri.

Ku itariki ya 01 Ukwakira 1990 ni ho uwo mugambi wo kurimbura abirabura ku mugaragaro watangijwe n'ingabo za FPR inkotanyi ubu ziberewe ku isonga na Kagame Paul, intwari mu kurimbura abirabura bo mu karere k'ibiyaga bigari.

Uwo mugambi rero ntiwashobokaga kugerwaho hatabanje gushakwa imbarutso n'urwitwazo byo gutangiza ubwicanyi. Ni yo mpamvu mu gihe abanyarwanda bari bizeye ko bagiye kubana neza kubw'amasezerano ya Arusha yari amaze gushyirwaho umukono, Paul Kagame wari ufite misiyo yu kurimbura abirabura, abonye nta kuntu azabikomeza yahise ahanura indege yari itwaye Perezida HABYARIMANA, hatangira ubwicanyi bwiswe jenoside yakorewe Abatutsi. Ariko wakurikirana neza abishwe ugasanga abenshi bishwe ari Abahutu biswe abatutsi bamaze gupfa kugira ngo rya zina Jenoside rigire agaciro n'uburemere, kuko ubu ari ryo rikoreshwa mu kurimbura abirabura muri aka karere.

Twebwe impunzi zagenewe kwicwa no kurimburwa ziri mu rugaga FDLR, twahisemo gushyira ahagaragara uyu mugambi kirimbuzi uri muri aka karere ugamije kumaraho abirabura bagatuye, hagenderewe ubutunzi bukagaragaramo. Kugira ngo abirabura bene wacu batibwira ko ari twe tugomba gupfa gusa, ngo bo bikuremo, bamenye kandi bazirikane ko kuturasa ari inyungu ikomeye kuri abo bantu, kuko nubwo baturasa isaha imwe tugashira, raporo zo zizakomeza imyaka n'imyaka zivuga ko bakomeje guhiga FDLR yihishe muri Zahabu na Diyama n'andi mabuye y'agaciro agaragara muri RDC. Ndetse urebye si na twe tugenderewe cyane, kuko izina FDLR riririmbwa uyu munsi ari urwitwazo rwo kugeza abashakashaka ubutunzi mu mari ya RDC.

Ntawe ushaka rero ko Leta ya FPR igirana ibiganiro by'amahoro na FDLR, kuko inzira yo kugera ku mabuye y'agaciro yaba ivuyeho n'ubwo tutayobewe ko bashaka kuturasa ngo duhigamire M23 ibone uko iza gusahurira u Rwanda n'Ubugande muri RDC.

Uyu mugambi wo kurimbura abirabura mu Karere k'Ibiyaga Bigari hifashishijwe ijambo JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI ni muremure kandi ufitwe n'abantu b'ibikomerezwa bavuga rikijyana mu Muryango w'Abibumbye. Bakaba bagamije kwibasira ibihugu birimo abirabura nk'uko bikurikirana aha: Bazava Uganda, Rwanda, RDC bakomeze mu bihugu bikikije RDC. Indi nzira ive mu Rwanda inyure mu Burundi ijya TANZANIYA. Ari na yo mpamvu ubu TANZANIYA itangiye kuvugwa mu bashyigikiye FDLR, ariko nta kindi ni uburyo bwo gushaka inzira yo kuyigabamo ibitero muri wa mugambi wo kumaraho Abirabura muri aka karere.

Ikibabaje ariko ni uko uwo mugambi ukorwa bikitirirwa abatawufitemo uruhare ndetse n'abo byitirirwa bakabirebera kandi bibafiteho ingaruka!

Uyu ni umugambi wa bamwe mu bazungu bafite umutima wo kwanga abirabura kuva kera, no kumva umwirabura atari umuntu. Abo rero ni bo bateguye umushinga wo kurimbura, gusa hari abazungu benshi bafite umutima wa kimuntu babakurikira bahumyi.

Ku rundi ruhande ni uko abo bantu batifuza ko umwirabura abaho, bifashisha na none bamwe mu birabura babashukisha kubaha ubutunzi n'ubutegetsi, maze bakagenda bakirara muri bene wabo bakabarimbagura, ndetse bakanabishoramo abantu benshi babashukisha ingengabitekerezo (Idéologie) y'ubwoko cyangwa iy'amadini. Iki kibazo kikaba kimaze kubyara ikintu kibi cyitwa **Ivangura rishingiye ku bwoko.**

Twatanga urugero muri aka Karere k'Ibiyaga Bigari, aho Paul Kagame n'abamutera inkunga biyemeje kurimbura abirabura bo muri kano karere yifashishije **Izina abatutsi.** Nyamara iyo urebye ntabwo akunda abatutsi, kuko abacitse ku icumu kumurusha, ndetse bakaba bariciwe abantu kumurusha, ni bo afunga abandi akabica igihe cyose bagaragaje ko batari muri gahunda ye ya kirimbuzi yatumwe kurangiza muri aka Karere k'Ibiyaga Bigari. Kagame rero ni igikoresho cy'abanga abirabura urunuka, kandi arabihemberwa.

Ikibazo ni uko abikora mu izina ry'abatutsi, aho uvuga ngo **abantu bacu**. Ibyo rero bimaze gutera ikintu gikomeye kandi kibi muri aka karere, aho umututsi asigaye agaragara nk'ikiremwa kidasanzwe nyamara arengana kubera bamwe mu bategetsi bakora ubwicanyi mpuzamahanga bamwiyitirira.

**IVANGURA RISHINGIYE KU BWOKO N'INGARUKA ZARYO**

Magingo aya KAGAME yigaragaza nk'umuntu ushinzwe kurwanya no kurimbura abatuye muri aka karere ngo aha arengera abatutsi;

Kagame agaragara nk'ushinze guhagarara imbere y'abandi bakuru b'ibihugu bigize aka karere bose akababwira bagaceceka, yitwaje ko avugira abatutsi;

Kagame yigaragaje kenshi mu bikorwa by'indengakamere birimo ubwicanyi burimbura abantu benshi mu gihe gito,S ibyo byose akerekana ko abikora kubera abatutsi;

Ubu Ibihugu byinshi bimushyigikiye muri uwo mugambi wo gushyira umututsi hejuru ku buryo, kugira ngo umututsi abeho, abandi basigaye bose bagomba gupfa. Ibyo byose birerekana umugambi wo kugambanira umututsi muri aba birabura bandi batuye aka karere. Nyamara benshi mu batutsi ntibazi ibyo byago Kagame abateza, haba mu Rwanda, Uganda, Uburundi na Tanzaniya, kuko ari ho bakunda kugaragara. Ibi Kagame we ntacyo bimutwaye kuko ashyigikiwe muri uwo mugambi n'abantu b'ibihangange kandi banga abirabura. Kagame yizeye neza ko azagera ku mugambi we wo gutsemba abatari abatutsi bose muri aka karere. **Ariko igihe utekereza kurimbura abantu, ujye unazirikana ko hari uwabaremye.**

Iryo vangura rishingiye ku bwoba rimaze kuba indwara y'icyorezo hano mu karere, aho abaturage b'ibi bihugu benshi batangiye kuvuga ngo ***"muhunge umututsi yaje"*** , dore ko no mu bihugu byo hirya iyo mvugo yagezeyo. Urugero ni muri Afrika y'Epfo n'ahandi, aho basanga abahunze bakabarasa, ukibaza uko bajyanyeyo imbunda ukayoberwa.

Twahisemo rero kugaragaza icyorezo cyagwiriye aka karere kugira ngo abantu babe maso, ndetse niba hari n'ubutabazi bushoboka bukorwe, kuko umugambi wo kurimbura abirabura muri aka karere ukomeje mu buryo bw'ibanga, kandi ukaba uhitana abantu benshi mu gihe gito.

**Ibyo byose bikorwa amahanga abigizemo uruhare mu buryo butandukanye, haba ku mugaragaro cyangwa mu ibanga.**

Muri iyi minsi hadutse indwara yo gufata umuntu umwe abantu bakamwitirira igihugu cyose, idini ryose, ubwoko bwose ku buryo ijambo ribi cyangwa ryiza avuze ryitirirwa cya kintu gihuriwe mo n'abantu benshi n'iyo baba badahuje umugambi n'ibitekerezo. Uwo na wo ni umwe mu ntwaro zifasha abashaka kurimbura abandi, bifashisha kugira ngo barimbure abantu benshi mu gihe gito. Ibyo bikaba bikorwa mu buryo butandukanye. **Urugero:** Umuntu umwe wanga abirabura ashobora kuvuga ko bagomba kwicwa; aho kugira ngo byitwe ko ari we ubyivugiye ubwe, ukumva ku maradiyo ngo **"Amerika cyangwa ONU yavuze ngo".** Nyamara wareba abari muri icyo gihugu, muri uwo muryango se cyangwa muri iryo dini, ugasanga ntaho bahuriye n'ibitekerezo by'uwo muntu.

Rimwe na rimwe ukumva Kagame yatukanye mu bitangazamakuru, wajya kumva, ukumva ngo ni U Rwanda rwatukanye cg ngo ni abatutsi bavuze nabi. ibyo rero nabyo ubwabyo birasenya mu buryo buziguye.

Ibi binagaragarira mu bintu byinshi, aho umuntu ku mpamvu ze bwite ashobora kugenda akica abantu, ariko kugira ngo hibasirwe abantu benshi bakabyitirira idini rye, ubwoko bwe n'ibindi. Ibi akaba ari byo Kagame yakoresheje ahanura indege ya HABYARIMANA mu mugambi wo gucura ya ntwaro izarimbura abirabura muri aka karere, ari yo yaje witwa "JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI".

Ibyo byose rero bikorwa abantu benshi bo kuri iyi isi babibona. Ariko abenshi mu kubibona ntibashishoze ngo barebe ikibyihishe inyuma. Bityo ugasanga abantu bari kwitirirwa amahano batakoze ku bwo kwanga kwamagana abagizi ba nabi amahanga ashaka kubitirira kugira ngo biyabere impamvu yo kubarimbagura.

Igihe kirageze kugira ngo Abirabura n'Abazungu barandure umuzi wose utuma bishishanya kubera inyungu za bamwe muri bo bafite umutima wa kinyamaswa ushingiye ku **bwikunde** kuko twese twaremwe n'Imana imwe. Ntawahisemo gusa uko asa. **Twamagane abakora n'abavuga ibibi bikatwitirirwa bigamije kubiba amacakubiri agamije kurimbura abantu.**

Tuzi neze ko ibi tuvuga bibababaza bamwe. Ariko abo bibababaza bahita bigaragaza, bakavuga cyangwa bakagira ibyo bakora, nyamara bakarushaho kugaragaza ukuri, kuko abo barwanya ukuri tuvuga, iyo urebye mu mateka yabo, usanga hari aho bahuriye n'ivangura ryagiye ribaho hano kuri iyi si.

Igihe kirageze rero ngo abo bigaragaza muri ubwo buryo, abatari kumwe nabo mu mugambi kirimbuzi wabo, babahange amaso (bacungane nabo) ijambo ku ijambo, igikorwa ku gikorwa, kuko ari bo muzi usharira hagati y'amadini ku madini, ubwoko ku bundi, abazungu ku birabura n'ibihugu ku bindi.

Uyu mugambi kirimbuzi ushingiye ku gufata abantu bake ukabanganisha n'abantu benshi, kuko abenshi aba ari bo bakubangamiye mu nyungu ushaka kugeraho.

Uwo mugambi turahamya ko atari uw'ibihugu, ahubwo ni uw'abantu bamwe bo muri ibyo bihugu bifuza kwikubira ubutunzi bw'isi no kwigira ibihangange kuruta uwabaremye, ariko Imana irafuha kuko icyubahiro cyayo itazagiha umwana w'umuntu.

Igihe kirageze ngo tumenye neza abo abantu hashingiwe ku byo bavuga n'ibyo bakora kandi nitumara kubamenya tubabwire tuti "OYA TURABYANZE".

Twebwe impunzi zacitse ku icumu dusigaye turi bake bashobora no kwicwa isaha imwe igihe abadufiteho ububasha bazabishakira. Nyamara twahisemo kubwira abataragera igihe cyo kwicwa ko **"uyu munsi ari twe ejo akaba ari bo"** kuko wa mugambi wo kurimbura abirabura wavuye mu mahanga, ubu ukaba wicaye neza muri aka Karere k'Ibiyaga Bigali kandi igikoresho cy'uwo mugambi ni Kagame n'abambari be, ariko si abatutsi babirimo, ari na yo mpamvu dusaba abanyarwanda bose, mu moko yose ndetse n'abibona nk'abirabura, ko bahagurukira kurwanya uwo mugambi, kuko bitareba FDLR gusa. Abarundi n'Abanyekongo bo bahita babyumva neza kuko bazi Kagame Paul icyo bisobanura kuri bo.

Turasaba kandi abasoma izi nyandiko gutandukanya ingengaitekerezo, politiki, propagande n'uku kuri turi gushira ahagaragara, kuko tuvuga ibyo buri wese yibonera cyangwa yiyumviye:

1. None se ni nde utazi amateka y'abirabura muri Amerika?
2. Ninde utazi ko abirabura bafatwa mu bihugu bitandukanye by'uburayi?
3. Ntawe utazi icyo Mandela yazize afungwa inyaka makumyabiri n'irindwi (27 ans);
4. Ntawe utazi icyo ROBERT MUGABE apfa n'Abazungu;
5. Ese koko abantu bishwe mu Rwanda kuva le 01/10/1990 bose ni abatutsi gusa?
6. Ni nde kuri iyi si wagenda akarasa impunzi ku mugaragaro bikavugwa, yarangiza aho guhanwa agahabwa ibikombe?
7. Ni nde wagenda akica abaturage b'iki gihugu barenga miliyoni esheshatu (6.000.000), aho kugira ngo cya gihugu kimukurikirane, ahubwo kikamwihohoraho?
8. Ni hehe Umuryango w'Abibumbye bawumenyesheje ko hari impunzi zabonetse ahantu, aho kugira ngo bategure uburyo bwo kuzifasha, ahubwo bamwe muri bo bagashishikariza gukusanya intwaro zo kurimbura izo mpunzi?
9. Ni kuki umuzungu umwe afatwa (ashimutwa) igihugu cye kigahurira ku mutabara cyangwa kumutangira ingurane, nyamara bikaryohera benshi kumva bavuga ngo abana b'abirabura bashimuswe cyangwa imbaga y'abaturage runaka barimbuwe mu gihe gito ntibigire icyo bitanga?
10. Kuki indege ihanuka mu mazi isi yose igahururira kuyishaka mu maguru mashya ariko abantu batoragurwa mu mazi bapakiwe mu mifuka, bikitwa ko ntacyo bitwaye kuko ari aba hahandi bagomba kurimbuka?
11. Nihehe umuntu yafata ubwoko bw'abantu runaka akabwica yarangiza akabubatiza izina ry'ubwoko runaka kugira ngo agere ku nyungu ze igihe bishyiriwe ahagaragara ntibigire gikurikirana? Ibyo bikajyana no guhiga abarokotse,kubafunga, kubima ijambo no kubategeka guhora bunamye n'ibindi...;
12. Ni hehe umuntu yiciwe abantu akaba ari we ubusabira imbabazi nabwo ntabihabwe ahubwo akazira ko yarokotse?
13. Ni ubuhe bwoko bwabujijwe kwiga ndetse n'abihambiye bakiga kungufu bagahigwa ku isi hose kugira ngo bwa bwoko hatazagira umuntu ujijutse usigaramo?

Ibyo byose n'ibindi tutavuze ni ukuri kugaragarira buri wese kandi kukazasigara kuvuga nyuma nyuma y'uko abadufite ho ububasha bazaba bamaze kutumira bunguri.

**Hapfa abantu ariko ukuri iyo kumaze gusohoka ntikujya gupfa.**

Bikorewe i Walikale kuwa 03 Werurwe 2015

FORCES DEMOCRATIQUES DE LIBERATION DU RWANDA
JUSTICE - PAIX
RECONCILIATION
FDLR

BYIRINGIRO Victor

Jenerali Majoro

Perezida w'agateganyo wa FDLR